RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2025** Tariki 14- 21 Gashyantare



**Golf:** Nsanzuwera Yegukanye Irushanwa rya Rwanda Open

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Rayon Sport Yashyizemo Ikinyuranyo Ku Munsi wa 17 wa Shampiyona

P2 **Football:** Hamenyekanye Amakipe Azakina 1/4 cy'Igikombe cy'Amahoro

P3 **Basketball:** U Rwanda Rwatsinzwe Imikino yo Kwitegura iyo Gushaka Itike y'Igikombe cya Afurika

P4 **Volleyball:** Habaye Imikino y'Umunsi wa 10 wa Shampiyona

P5 **Cycling:** Ministeri ya Siporo Yatanze Amagare Mashya ku Ikipe y'u Rwanda

P5 **Golf:** Nsanzuwera Yegukanye Irushanwa rya Rwanda Open

P6 **Athletics:** Ikipe ya Sina Gerard AC Yihariye Shampiyona y'Igihugu y'Imikino Ngororamubiri

P6 **Rugby:** Lion de Fers na Resilience Irushanwa rya Jade Water 7s

P7 **Wheelchair Basketball:** Habaye Imikino y'Umunsi wa Gatatu wa Shampiyona

# 1 **Football:** Rayon Sport Yashyizemo Ikinyuranyo Ku Munsi wa 17 wa Shampiyona

Imikino y'umunsi wa 17 wa Shampiyona yabaye kuwa 15 na 16 Gashyantare 2025, yasize Rayon Sports ikomeje gushyira ikinyuranyo hagati yayo na APR FC. Ibi byabaye nyuma y'uko Rayon Sports itsinze Kiyovu FC ibitego 2-1, mu gihe APR FC nayo yatsinze AS Kigali 2-1.

Mu yindi mikino, Amagaju FC na Rutsiro FC byanganyije ubusa ku busa, Etincelles itsinda Mukura FC ibitego 2-0, naho Rwamagana itsinda Vision FC 3-0. Gasogi United yari yasuwe na Bugesera yanganyije ibitego 2-2, Police FC itsinda Marines FC ibitego 4-0, naho Gorilla FC itsinda Musanze igitego 1-0.



## TABLE
2024-2025

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RAYON SPORTS | 17 | 20 | 40 |
| 2 | APR FC | 17 | 12 | 37 |
| 3 | GORILLA FC | 17 | 8 | 29 |
| 4 | AS KIGALI | 17 | 2 | 29 |
| 5 | POLICE FC | 17 | 10 | 27 |
| 6 | MUKURA VS | 17 | -3 | 24 |
| 7 | RUTSIRO FC | 17 | 3 | 23 |
| 8 | AMAGAJU FC | 17 | -5 | 22 |
| 9 | GASOGI UNITED | 17 | -2 | 21 |
| 10 | ETINCELLES FC | 17 | -1 | 20 |
| 11 | MARINE FC | 17 | -7 | 19 |
| 12 | BUGESERA FC | 17 | -2 | 17 |
| 13 | MUSANZE FC | 17 | -3 | 17 |
| 14 | MUHAZI UNITED | 17 | -3 | 16 |
| 15 | VISION FC | 17 | -11 | 12 |
| 16 | KIYOVU SPORTS | 17 | -18 | 12 |

StarTimes

@Rwanda Premier League @rwandapremierleague @rwandapremierleague



## RWANDA PREMIER LEAGUE FIXTURES
### DAY 17

**SATURDAY 15 FEBRUARY 2025**

| | | |
|---|---|---|
| ETINCELLES FC | 2-0 | MUKURA VS |
| MUHAZI UNITED | 3-0 | VISION FC |
| AMAGAJU FC | 0-0 | RUTSIRO FC |
| GASOGI UNITED | 2-2 | BUGESERA FC |
| KIYOVU SPORTS | 1-2 | RAYON SPORTS |

**SUNDAY 16 FEBRUARY 2025**

| | | |
|---|---|---|
| POLICE FC | 4-0 | MARINE FC |
| GORILLA FC | 1-0 | MUSANZE FC |
| APR FC | 2-1 | AS KIGALI |

StarTimes

@Rwanda Premier League @rwandapremierleague @rwandapremierleague



# **Football:** Hamenyekanye Amakipe Azakina 1/4 cy'Igikombe cy'Amahoro

Kuwa 18-20 Gashyantare 2025, habaye imikino yo kwishyura y'Igikombe cy'Amahoro, isiga hamenyekanye amakipe azakina 1/4 cy'iri rushanwa. Imwe mu mikino yari itegerejwe harimo uwa APR FC na Musanze warangiye ikipe y'ingabo, yari yanganyije ubushize, itsinze 4-0, ndetse n'uwa Rayon Sports na Rutsiro FC warangiye 2-0, ibingana n'igiteranyo cya 4-1.

Indi mikino yarangiye Police FC isezereye Nyanza FC nyuma yo kuyitsinda 3-0, AS Kigali yanganyije na Vision FC iyisezerera kubw'igiteranyo cya 1-0 ku mikino yombi, Mukura VS isezera Intare FC nyuma yo kuyitsinda 1-0 mu mikino yombi, ibingana n'igiteranyo cya 2-0. Bugesera FC yari yatsinzwe n'Amagaju FC mu mukino wabanje, yasezerewe nyuma yo kunganya 0-0 n'Amagaju FC mu mukino wo kwishyura, naho Gasogi United isezera Muhanga FC nyuma yo kunganya 1-1, ibingana n'igiteranyo cya 3-1. Gorilla FC nayo yasezereye City Boys mu mukino utarabonetsemo igitego, ariko nyuma yo kubona igitego yasuye mu mukino wabanje, ibona amahirwe yo gukomeza.













# **Basketball:** U Rwanda Rwatsinzwe Imikino yo Kwitegura iyo Gushaka Itike y'Igikombe cya Afurika

Kuwa 16 na 18 Gashyantare, ikipe y'igihugu ya Basketball y'u Rwanda yakinnye umukino wa gicuti n'iya Maroc mu rwego rwo kwitegura imikino yo gushaka itike y'Igikombe cya Afurika. Muri iyi mikino yombi yabereye ku kibuga cya Bouazzaoui Sale i Rabat, u Rwanda rwagerageje kwitwara neza ariko bitanga ubusa nyuma yo gutsindwa inshuro zose. Mu mukino wa mbere, Maroc yatsinze ku manota 89-75, naho mu wa kabiri itsinda ku manota 79-64.

Mu itsinda u Rwanda rurimo, ruri ku mwanya wa gatatu n'amanota ane nyuma yo gutsinda umukino umwe muri itatu rwakinye mu Ugushyingo 2024. Iyi mikino izakinwa mu matsinda atanu agizwe n'amakipe ane. Buri kipe izahura n'indi, atatu ya mbere azabone itike y'Igikombe cya Afurika kizabera muri Angola tariki 12 kugeza ku wa 24 Kanama 2025.











# **Volleyball:** Habaye Imikino y'Umunsi wa 10 wa Shampiyona

Kuwa 14-16 Gashyantare, kuri Petit Stade, habereye imikino y'umunsi wa 10 wa Shampiyona mu bagabo no mu bagore. Mu bagabo, APR VC yatsinze REG VC ku maseti 3–0, RP Ngoma itsinda KVC ku maseti 3-2, mu gihe Kepler VC yatsinze East African University of Rwanda (EAUR) ku maseti 3-1, naho Gisagara VC itsinda Police VC ku maseti 3-0. REG VC yongeye gukina, ikina na Gisagara VC, iyitsinda amaseti 3-1, APR VC itsinda EAUR amaseti 3-0, naho Police VC itsinda KVC amaseti 3-2.

Mu bagore, EAUR yatsinze Kepler amaseti 3-2, APR VC itsinda RRA amaseti 3-1 mu gihe Police VC yatsinze Kepler amaseti 3-1. APR VC yongeye gukina kuwa 15 Gashyantare 2025, ikina na EAUR, iyitsinda amaseti 3-0, ku munsi wakurikiye Wisdom itsinda RP Huye amaseti 3-1, naho RRA itsinda Ruhango VC amaseti 3-1.




| RK | TEAM | MP | W | L | S | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE VC | 12 | 11 | 1 | 34-8 | 32 |
| 2 | APR VC | 12 | 9 | 3 | 31-14 | 28 |
| 3 | KEPLER VC | 12 | 9 | 3 | 29-15 | 26 |
| 4 | REG VC | 12 | 7 | 5 | 24-19 | 21 |
| 5 | GISAGARA VC | 13 | 6 | 7 | 24-23 | 19 |
| 6 | EAU VC | 12 | 5 | 7 | 17-27 | 13 |
| 7 | RP NGOMA | 13 | 2 | 11 | 9-35 | 5 |
| 8 | KIGALI VC | 12 | 0 | 12 | 9-36 | 3 |




| RK | TEAM | MP | W | L | S | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE WVC | 12 | 11 | 1 | 35-8 | 33 |
| 2 | RRA WVC | 12 | 11 | 1 | 34-10 | 31 |
| 3 | APR WVC | 13 | 10 | 3 | 33-11 | 31 |
| 4 | KEPLER WVC | 13 | 6 | 7 | 23-23 | 19 |
| 5 | EAU WVC | 13 | 5 | 8 | 17-30 | 13 |
| 6 | WISDOM WVC | 12 | 4 | 8 | 15-27 | 12 |
| 7 | RUHANGO WVC | 13 | 3 | 10 | 17-30 | 11 |
| 8 | RP HUYE WVC | 12 | 0 | 12 | 1-37 | 0 |









## **Cycling:** Ministeri ya Siporo Yatanze Amagare Mashya ku Ikipe y'u Rwanda

Ikipe y'Igihugu y'Amagare "Team Rwanda" yaguriwe amagare 12 mashya mbere yo kwitabira irushanwa mpuzamahanga rya Tour du Rwanda riteganyijwe kuva tariki ya 23 Gashyantare kugeza ku ya 2 Werurwe 2025.

Andi makipe yitezwe muri iri rushanwa harimo Team Amani, May Stars, Java InovoTec, Total Energies, Israel Premier Tech, Lotto Dstny n'andi ari ku rwego mpuzamahanga.

Tour du Rwanda ya 2025 igizwe n'ibilometero 840,6, izaba igizwe n'uduce umunani aho agace karekare ari aka Kabiri [Rukomo ya Gicumbi- Kayonza] kareshya n'ibilometero 158.






**TOUR DU RWANDA 2025**
Fédération Rwandaise de Cyclisme - du 23/02/2025 au 02/03/2025

**Liste Provisoire - Provisional List**

**IPT ISRAEL - PREMIER TECH - ISR**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | EINHORN Itamar | 10011044442 | ISR |
| 2 | COLEMAN Samuel | 10052719177 | IRL |
| 3 | FAINGEZICHT Emry | 10099951673 | ISR |
| 4 | GILMORE Brady | 10112349727 | AUS |
| 5 | KRETSCHY Moritz | 10036560088 | GER |

D.S. : 1 - PLAZA MOLINA Ruben (ESP) / 2 - DAVIDSON Lahav (ISR)

**RWA RWANDA - RWA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 11 | MUGISHA Moise | 10063787079 | RWA |
| 12 | MASENGESHO Vainqueur | 10115842939 | RWA |
| 13 | MUNYANEZA Didier | 10016117037 | RWA |
| 14 | NKUNDABERA Eric | 10083473635 | RWA |
| 15 | UWIDUHAYE Mike | 10065428605 | RWA |

**DPP DEVELOPMENT TEAM PICNIC POSTNL - NED**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 21 | BUSH Jacob | 10120407801 | GBR |
| 22 | MARTINEZ HUERTAS Guillermo Juan | 10099478231 | COL |
| 23 | PEACE Oliver | 10088851879 | GBR |
| 24 | ŠUMPÍK Pavel | 10047373972 | CZE |
| 25 | VLOT Mees | 10053117584 | NED |

**AMN TEAM AMANI - RWA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 31 | KAGIMU Charles | 10064580156 | UGA |
| 32 | DESTA Teweldemedhn Amaniel | 10156228988 | ETH |
| 33 | LOROT Lawrence | 10132548662 | UGA |
| 34 | MUHOZA Eric | 10063772531 | RWA |
| 35 | NIYONKURU Samuel | 10107267937 | RWA |

**LOD LOTTO DEVELOPMENT TEAM - BEL**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 41 | DONIE Milan | 10099785496 | BEL |
| 42 | CUYLITS Mauro | 10065102744 | BEL |
| 43 | EEMAN Kamiel | 10065110121 | BEL |
| 44 | MENTEN Milan | 10010091216 | BEL |
| 45 | TAILLIEU Aldo | 10089396901 | BEL |

**ERI ERITREA - ERI**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 51 | MULUEBERHAN Henok | 10023500757 | ERI |
| 52 | ARAYA Zeray Nahom | 10096260154 | ERI |
| 53 | EYOB Metkel | 10009351790 | ERI |
| 54 | KIBROM Awet | 10152385465 | ERI |
| 55 | MEDHANIE Natan | 10076590271 | ERI |

**TEN TOTALENERGIES - FRA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 61 | BONNET Thomas | 10009749692 | FRA |
| 62 | DELBOVE Joris | 10023571081 | FRA |
| 63 | DOUBEY Fabien | 10007245779 | FRA |
| 64 | MANZIN Lorenzo | 10007216275 | FRA |
| 65 | VADIC Baptiste | 10069096720 | FRA |

**JIT JAVA-INOVOTEC PRO TEAM - RWA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 71 | MANIZABAYO Eric | 10063734741 | RWA |
| 72 | BYUKUSENGE Patrick | 10009213162 | RWA |
| 73 | GAHEMBA Uhoraningoga Barnabe | 10063735751 | RWA |
| 74 | NSENGIYUMVA Shemu | 10096183059 | RWA |
| 75 | TUYIZERE Etienne | 10113600017 | RWA |

**UAZ UAE TEAM EMIRATES GEN-Z - UAE**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 81 | FABRIES Ugo | 10069554135 | FRA |
| 82 | JASIM AL-ALI Jasim Saif Abdulla | 10135769769 | UAE |
| 83 | MARIVOET SCHOLIERS Duarte | 10065091024 | BEL |
| 84 | PERICAS CAPDEVILA Adria | 10043133961 | ESP |
| 85 | SAMBINELLO Enea | 10029123828 | ITA |

**RSA SOUTH AFRICA - RSA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 91 | ORMISTON Callum | 10062357442 | RSA |
| 92 | DIKE Joshua | 10113665994 | RSA |
| 93 | GORDGE Kieran | 10147516570 | RSA |
| 94 | MATTHEWS Daniyal | 10017666310 | RSA |
| 95 | MOOLMAN Warren | 10082513739 | RSA |

**BAI BIKE AID - GER**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 101 | YEMANE Dawit | 10060129674 | ERI |
| 102 | BERLIN Antoine | 10078179960 | MON |
| 103 | HABTEAB Yoel | 10118859336 | ERI |
| 104 | MATTHEIS Oliver | 10009177800 | GER |
| 105 | SCHIFFER Anton | 10128087369 | GER |

**MSR MAY STARS - RWA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 111 | NGENDAHAYO Jeremie | 10096176086 | RWA |
| 112 | GAINZA RODRIGUEZ Alejandro | 10042806080 | ESP |
| 113 | GASPARINI Alessio | 10030960764 | ITA |
| 114 | HAKIZIMANA Aimable | 10131769228 | RWA |
| 115 | RUHUMURIZA Aime | 10143624446 | RWA |

**ETH ETHIOPIA - ETH**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 121 | ROGORA Kiya | 10113357416 | ETH |
| 122 | DEBAY Filimon Zer Abruk | 10092075616 | ETH |
| 123 | GIDEY Hailemichael Amanuel | 10160493150 | ETH |
| 124 | HAILEMARYAM Gereziher Geremedhin | 10156229089 | ETH |
| 125 | REDAE Bizay Tesfu | 10092075313 | ETH |

**CMC CENTRE MONDIAL DU CYCLISME - SUI**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 131 | NZAFASHWANAYO Jean Claude | 10064238535 | RWA |
| 132 | AMAN Awet | 10119215509 | ERI |
| 133 | MULUGETA Yafiet | 10131804085 | ERI |
| 134 | TAHA Amir Jafar | 10113547978 | ETH |
| 135 | TESFAY Teklehaymanot Amanuel | 10150679477 | ETH |

**ANG ANGOLA - ANG**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 141 | ARAÚJO Bruno | 10122866143 | ANG |
| 142 | DARIO Antonio | 10009596213 | ANG |
| 143 | CHINGUI Euclides | 10127581353 | ANG |
| 144 | LEMOS Hélvio | 10088683545 | ANG |
| 145 | SILVA Alberto Secundino Igor | 10105384016 | ANG |

## **Golf:** Nsanzuwera Yegukanye Irushanwa rya Rwanda Open

Nsanzuwera Célestin yahize abandi bakinnyi mu Irushanwa Mpuzamahanga muri Golf rya 'Rwanda Open 2025' ryakinwe guhera kuwa 12-15 Gashyantare 2025. Iri rushanwaryari ryongeye gukinwa nyuma y'imyaka itanu, rimaze icyumweru rikinirwa ku kibuga mpuzamahanga cya Golf.

Rwanda Open 2025, yari yitabiriwe n'abakinnyi barenga 170 baturutse mu bihugu 17 birimo n'u Rwanda, harimo abakina kinyamwuga ndetse n'abishimisha. Abakina kinyamwuga bakinnye ibyiciro bine, aho Nsanzuwera yabibonyemo amanota 276 (66, 70, 70, 70), bigendanye n'imyobo 18 iri mu kibuga cya Kigali Golf Resorts & Villas, yagabanyijeho inshuro 12 ku zo yari gukina.








## **Athletics:** Ikipe ya Sina Gerard AC Yihariye Shampiyona y'Igihugu y'Imikino Ngororamubiri

Muri Stade Amahoro ku wa Gatandatu, kuwa 16 Gashyantare 2025, habereye Shampiyona y'Igihugu y'Imikino Ngororamubiri, yakinwe mu byiciro bine bitandukanye birimo abakuru, abari hagati y'imyaka 17 na 20, abafite hagati y'imyaka 15 na 17 n'abandi bari munsi y'imyaka 15, harimo gusiganwa ku maguru kuva kuri metero 100 kugera kuri metero ibihumbi 10, gusimbuka umurambararo no gutera umuhunda, intosho n'ingasire.

Hitimana Noël wa APR A.C mu bagabo na Niyonkuru Florence wa Sina Gérard AC mu bagore, ni bo bitwaye neza mu gusiganwa metero ibihumbi 10, mu gihe mu bindi byiciro byose byegukanywe n'abiganjemo abakinira Sina Gérard AC.








## **Rugby:** Lion de Fers na Resilience Irushanwa rya Jade Water 7s

Kuwa 17 Gashyantare 2025, kipe ya Lions de Fer yo mu Karere ka Nyarugenge na Resilience yo mu Karere ka Rusizi, zegukanye irushanwa rya Jade Water 7s, ryakinwaga ku nshuro yaryo ya mbere, ryabereye muri IPRC Kigali.

Iri rushanwa rya Rugby rikinwa n'amakipe agizwe n'abakinnyi barindwi, riterwa inkunga n'ikigo Jade Water Investment Group, ryitabiriwe n'amakipe 12 mu bagabo, n'andi 6 mu bagore. Umwanya wa gatatu mu bagabo wegukanywe na Gitisi TSS, mu gihe mu bagore watwawe na Kamonyi Panthers itsinze UR Grizzlies.







# **Wheelchair Volleyball:** Habaye Imikino y'Umunsi wa Gatatu wa Shampiyona

16 Gashyantare 2025, habaye imikino y'Umunsi wa Gatatu wa Shampiyona ya Wheelchair Basketball, yabereye muri Gymnase ya Komite y'Igihugu y'Imikino y'Abafite ubumuga (NPC Rwanda) i Remera.

Mu mikino yabaye, Gasabo yatsinze Kicukiro amanota 28-10, ariko na yo yihimura kuri Gicumbi iyitsinda amanota 28-10 mu gihe Bugesera yatsinze Indangamirwa amanota 48-3, naho Musanze itsinda Gasabo amanota 34-30. Mu bagore habaye umukino umwe, aho Kicukiro yatsinze Gasabo amanota 20-10.

u bagabo, umukino wa nyuma uzahuza Musanze na Bugesera mu gihe umwanya wa gatatu uzahatanirwa n'Indangamirwa na Gasabo. Mu bagore, igikombe kizahatanirwa na Gasabo izisobanura na Kicukiro muri iyi mikino ya nyuma izaba tariki ya 20 Mata 2025.













RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave